

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ______________________________

School: ______________________________

Class: ______________ Year ______________

Subject: ______________________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

NOM et PRENOM : UWAMUNGU Victorien

CELLULE : KAMABUYE

SECTEUR : CUBI

COMMUNE : KAMONYI

PREFECTURE : GITARAMA

Inscription : Groupe Scolaire Remera - Rukoma

Classe : 4e Année PEDAGOGIQUE

Année Scolaire 98 - 99.

**Sujet :** Ce que j'ai rencontré au moment du génocide de 1994 depuis le 1er jour ~~jus~~ au dernier jour.

# UKO GENOCIDE YANJYENDEKEYE

## Introduction

Njye nitwa UWAMUNGU Victorien nkaba ntuye muri komini kayenzi ari naho navukiye. Ubu nkaba niga muri Groupe Scolaire Remera-Rukoma.

* Hari ku tariki ya 7 Mata 1994 mu gitondo saa mbiri twumva ngo HABYARIMANA yapfuye. Ubwo umusore twari kumwe aritwa USABIMANA Léostagne yarambwiye ngo « Ubu hagiye kuba imirwano » Numvise ngize ubwoba kuko numvaga iwacu bavuga ko iyo intambara ibaye baturica.

Byaratangiye ABAHUTU batangira kujya bavuga amagambo mabi umva ko bashaka intambara.

**Urugero:** Muri iyo minsi twari kuri Nyabarongo mu bwato umwana umwe w'UMUHUTU twari kumwe witwa UWIZEYIMANA Théophile yarambwiye ati

« RAHIRA SHAHU KO TUTAZA KUBATEMAGURIRA MU RUZI ».

Icyo gihe naratashye mbibwira mu rugo kuko ntako bari ~~ba~~ kubigenza barabyihoreye.

Byabaye aho bigeza ku itariki ya 11/4 nijoro ubwo twumvaga induru muri

komini MUSASA.

Bwaceyeye dukama ibitoke twari dutaze byagezé nko mu ma saa saba ~~tubona~~ z'amanywa tubona i MUSASA kwa onde wa PAPA bari mo bahasenya induru givuga; Ubwo natwe twahise duhunga.

Twahungiye i CUBI ku GITWA ku bantu babanaga no kwa Sogokuru cyane turara yo baratugaburira tugera nko kuri 12.

Bwaracyeye ~~abari~~ bene wacu bari basigaye mu giturage nabo barahunga baza ku gitwa batubwira ko ibi ntu byabonye batangiye kurya inka.

Ubwo twahamaye aho twahiriwa, Ubwo hazamutse ibitero 2 bituruse i wacu i kimwe kiyobowe na UWITONZE abari baduyambikiye barabarwanije basubirayo. Ikindi cyiyobowe na ~~NDIMBE~~ MUREKEYIMANA Asalias. Icyo gitero nacyo cyaraje baracyirwanya kuburyo iwo Asalias bamutemye kandi aho yari yateye ngo bajye kudutwara mi kwa Sebikwe.

Ubwo twaraye aho ku GITWA cya CUBI, ariko tubonye ibintu byari byakomeye bwaceyeye tujya ~~iku~~ kuri komini i KAYENZI. Twagendaga mu nzira, badutubita ariko batubitaga abantu b'abasore n'abagabo.

Twageze ku biro bya komine i KAYENZI
tuhasanga abandi batutsi bahahungiye.

Byegeze mu masaha ya saa
kumi n'ebyiri z'umugoroba (oncle wo
mu ~~bagasa~~ BAGASA witwa LAZARO
aza kudutwara iwe i MUGANZA tujya
kubayo njye n'abana na mama.

Twabayeyo iminsi 3 abantu
batangira guteranduru ngo hariyo
Inyenzi, araza abibwira mama, ara-
mubwira ati « AHO KUGIRANGO TUGUTEZE
AMAHANE REKA TUGENDERE », Twasubi-
ye kuri komine tugezeyo dusanga aba-
ndi bahari babiruhanye.
Twabigeze aho tujya aritu Burgumestre
yatubwiye ngo i wacu hariyo umute-
kano dupfa kujyayo tugezeyo mu
nzira abantu baratubwira ko byakone-
ye ntitwajyayo ahubwo twaraye kwa-
ntu mu ishyamba.

Butaracya duhita tuhava
twerekeza iyo kuri komine ariko ari
byabindi bya kuvuga ngo ntawe upfa
adasambye.

Twageze kuri komine umupoli-
si wari uhari aratwirukana ngo
mi tujyende. Muri ako kanya twahise
tubona oncle uva inda imwe na LAZARO
ari muri taxi. ~~aranatubwira ngo mi tujye~~
Yatubajije aho tugiye ba papa baramu-
bwirako tutagira aho tujya.

Yarababwiye ati « Abandi barimo baragiya i KABWAYI, none namwe niyo mujomba kujya ». Yararatubwiye ati «

« Nimube mugenda ngiye kuzana imodoka mbigize imbere ».

Ubwo twabaye tugenda tugiye kugera mu Gacurabwenge aba yatugezeho. Yaradupakiye twese ubo twari kumwe ratugeza i MUSAMBIRA, aratubwira ati « Nimukomeze mugende dore umuhanda urimo abantu benshi nta kibazo » Ubwo ariko mu ngira turi mu modoka ye twanyuze kuri Barrière iriho abantu bafite ibiti bisongoye imipanga, udufuni bashaka kuduhagarika ngo batwice turan ariko aranga ababwira ko ari bubahe amafaranga agamutse. Baraturetse turagenda.

NB. Uwo watujyanye yitwa NDANGUZA Pascal nawe yari UMWAASA.
Icyo navuga kubijyanye n'iko NDANGUZA na HAZARA nkuri kiye ibyo baduteweraga mbona nta bibi.

Ubwo twageze i MUSAMBIRA tuvamo mu modoka tugenda amaguru tugeze hafi y' i GITARAMA tuhasanga barrière iriho abasirikari babili, iraduhagarika ifata papa na Mama. Papa baramukubise fatire a beton mu mutwe ku buryo namubo imvune yamushegeshe. Ubwo bageze aho barabareka turajyenda.

Icyo gihe twaraye muri stade ya MBONJUMUTWA i GITARAMA.

Twaraye aho muri stade bwyeye interahamwe zibagenda zifata abantu zibakubita kuburyo hariho n'abapfuye.

Ndetse bari bagiye no kwica umuhungu wanjye wo kwa Data wacu ariko avuga ko atari inyenzi baramureka.

Bwacyeye Bahise bashaka umuntu utugeza i KABWAYI. Twahise tugerayo twinjira mu bigo.

i KABWAYI Abantu babaga mu bigo bitatu twebwe rero twabaga mu kigo cyari abantu hafi nk'igishanga.

Twarahabaye, twicwa n'inzara bakajya batugaburira impunzi kuburyo abantu benshi bishwe na MACINYA.

Ubwo kandi uko abantu bapfa niko interahamwe nazo ziza gutwara abantu bo kwica.
Batwaye data wacu na grand frère abandi 2 barabatemagura ariko barakize.

Ubwo i KABWAYI twahavuye ku itariki 2 z'ukwezi kwa 6, 1994 ariko uwo munsi nibwo twajombagaga gushira kuko interahamwe zabaga i GITARAMA zari zengurutse ikigo twabagamo ku KAMAZURU ubwo bafite imipiri, imihoro hamwe abafite imbunda.

Uko mu masaha ya saa ine nibwo impunzi zabaga mu kigo zari zitegereje Inkotanyi hano.

Ibyo ngibyo ariko interahamwe zabitoraga zivuganga inkotanyi zigeze hafi zisanga ~~bene wazo bamba~~ bene wazo barabize.

Ubwo roka saa ine tujya kumva twumva impunda y'inkotanyi ku KAMAZURU, za nterahamwe zari aho zagose i kigo zihita ziruka zihunga; inkotanyi zihita ziza zitukura mu kigo zitubohoza i KABWAYI le 02.06.1994 ubwo

zitubwira ko tugomba gukomeza umuhanda ugana BYIMANA. Turajyenda ariko dufite abarwayi bameze nabi ku buryo bagiye bagwa mu nzira. Ndetse na Mama yaguye mu Ruhango. Ubwo twavuye Ruhango tujya i Ntongwe tuhava tujya i Busoro tuhava tujya tujya i Rwabusoro, tuhava tujya ku Ruhuha, tuhava tujya i ~~KAMABU~~

KAMABUYE, ho twavuye tujya i ~~Bugesera~~ muri Gashora (i GAKO).

Ubwo i Gashora twamazeyo Amezi 2 twagarutse i wacu muri Nzeri 94. Twageze iwacu dusanga abasigaye barabishe bara bamaze.

# ABICIWE MU GITURAGE N'ABABISHE.

Data wacu witwaga Bavakure Kamiri yishwe n'igitero cyiyobowe na Responsable wa KAMABUYE Turahimana J.M.V na BIZIMANA Vincent.

Bamukuye aho yari yihishe kwa Sebukwe baramuzana bamushyira ku kabari ka BIZIMANA Vincent

*Uwitwa Nsengimana Augustin yiriswa ammugiye, anamushinyaguyira amukubita ubwo cya gitero cyari cyamwiyanye cyari cyasubiyeyo kuzana abana ba BAVAKURE kwa Sekuru ngo nabo babarohane na se.

Abana bazanywe na Responsable ari TURAHIMANA J.M.V, BIRIKUNZIRA Andrée, abo nibo bari ku isonga mundi witwa KAREMERA Claude.

Ubwo bamaze kuhageza abo bana bahita bajya kubarohana na se. Ubwo barababahambiriye n'ibirere babaroha mu rugi.

Hari undi Data wacu witwaga
NYANUREMYE Chrisostome nawe bamukure-
ye aho yari yihishe kubuyo mu
bari bamushoreye hari mo inshuti
yitwaga NZABONITEGEKA. Uwo nawe
baramwishe. hari n'umukobwa we
witwaga Dorothée nawe yaguye mu
giturage.

Hari abandi bene wacu bo muri
cellule ya Ntwali muri Secteur ya CUBI
nabo bishwe:
Hari uwitwaga NTIMURA n'umuryango
we (abana 4 n'umufasha we).
Hari uwitwaga Ntawarihana n'abana be 3
Uwo Ntawarihana yari yihishe iwabo
w'umugore we kuko ngo bari abahutu
ariko baramu be nibo bamwishe ndetse
bica na Bishywa babo. Muri abo
baramu be twarunga nkuwo yari yihi-
sheho witwaga NDACYAYISENGA Isaïe
ariwe wanaranze uwo NTAWALIHANA

Akamubwira ngo namusoho kere mu nzu aze bamutware ngo ntiyashobora.
Uwo NDACYAYISENGA Ilsie yabaye na Conseillé wa Secteur CUBI kuva muri 98 – 99 Pmu kwa Kanindusi.
Ku buryo amaraso yakomeje kumu-bungamo kugeza ubwo yishe umusi-rikari wari muri Congé akamwica ammurashe. Ubu akaba afungiye muri Prison y'i GITARAMA.
Hari na Mubyara wa Papa witwaga NYIRAKIGARA Donathile wagwiye muri cellule ya KAMABUYE mu rugo rwo kwa NZARAMBA aho yari yihishe ku rusenge baza gusaka bakajya bajomba ibisongo n'amacumu ku rusenge aho yari yihishe bagahita bamufata.
Mubamuhiggaga twavugamo Nkuwari Responsable wa Cellule ya NTWALI yegeranye na KAMABUYE ariwe NTURANYENABO Claude n'uwitwa Rwarahoze n'abandi benshi.

# IBYIFUZO

1° Twifuzaga ko leta yareka gukomeza kubabaza uwacitse ku icumu uwo ari we wese mu ifungurwa ry' aba génocideurs ridasobanutse.

2° Twifuzaga ko imanza zacibwa vuba kuko abari mu mogereza kandi abarengana kandi mu byaro harasigayemo aba génocideurs benshi. Ndetse n' abashaka indishyi zabo bakazibona kuko nta mibereho.

---

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.